**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Kamonyi**, ku wa 14 Werurwe 2017
**N°......166....:/07.02/08/CD**

**INTARA Y'AMAJYEPFO**
**AKARERE KA KAMONYI**
**B.P. 03 MUHANGA**
**E-mail:** kamonyidistrict@yahoo.fr

**Madamu Guverineri w'Intara y'Amajyepfo**
**NYANZA**

**Impamvu**: Kohereza Imyanzuro y'Umwiherero

Madamu Guverineri ;

Nishimiye kubohererereza ku mugereka w'iyi baruwa imyanzuro y'umwiherero w'Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi wabereye mu Karere ka Kayonza kuva tariki 09 Werurwe kugera tariki 11 Werurwe2017 nimugoroba.

Mbashimiye uburyo muyakira.

Mugire amahoro y'Imana.

**KARURANGA Emmanuel**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka **KAMONYI**

**Bimenyeshejwe**

- Bwana Ministiri w'Ubutegetsi bw'igihugu (**Minaloc**)
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka **KAMONYI**

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'AMAJYEPFO**
**AKARERE KA KAMONYI**
**B.P. 03 MUHANGA**
**E-mail:** kamonyidistrict@yahoo.fr

# IMYANZURO Y'UMWIHERERO W'ABAGIZE INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI WABEREYE MU KARERE KA KAYONZA, KUVA 09-11 WERURWE 2017

Kuva kuwa 09-11 Werurwe 2017 mu cyumba cy'inama cya "**Silent Hill Hotel**" mu Murenge wa Mukarange mu Karere ka Kayonza, hateraniye umwiherero w'abagize inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi. Ibiganiro muri uyu mwiherero byayobowe na Perezida w'Inama Njyanama Bwana **KARURANGA Emmanuel** byitabirwa n'abajyanama, abagize biro y'ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere ry'Akarere(JADF) ndetse na bamwe mu bakozi b'Akarere.

## I. INTANGIRIRO

Mu gutangiza uyu mwiherero, abagize inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi bibukijwe ko uyu mwiherero ugamije kongera kwisuzuma no gukomeza kubaka imikorere n'imikoranire, kongera kwibukiranya inshingano no kwita ku nshingano zabo nk'abajyanama bitorewe n'abaturage. By'umwihariko hamwe n'urugendoshuri bakoreye mu Murenge wa Nasho mu Karere ka Kirehe harebwa gahunda yo kuhira imyaka, uyu mwiherero ni umwanya mwiza wo gutekereza ku kunoza ubuhinzi bugendanye n'igihe hakibandwa ahanini ku guhangana n'imihindagurikire y'ikirere hagamijwe gukomeza guteza imbere imibereho myiza y'abaturage.

## II. IBIGANIRO BYATANZWE

| No | IKIGANIRO | UWATANZE IKIGANIRO |
|---|---|---|
| 1 | Kugezwaho ishyirwamubikorwa ry'imyanzuro y'umwiherero uheruka wabaye kuwa 30 Gicurasi 2016 kugeza 01 Kamena 2016 mu Karere ka Huye. | **Mme DUKUNDE NYIRIGIRA Grace,** Ushinzwe Ibikorwa by'Inama Njyanama. |

| | | |
|---|---|---|
| 2 | Ishyirwamubikorwa ry'imihigo y'Akarere y'umwaka w'Ingengo y'Imari wa 2016/2017 | **UDAHEMUKA Aimable,** Umuyobozi w'Akarere ka Kamonyi |
| 3 | Uruhare rw'abafatanyabikorwa mu iterambere ry'Akarere | **NDAHIRO Osee,** umuyobozi w'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa, JADF |
| 4 | Imikorere n'imikoranire y'inzego z'ubuyobozi | **SERUBANZA Faustin,** umukozi muri RALGA |
| 5 | Ikiganiro kuri "Citizen report card" igaragaza uko abaturage ba Kamonyi babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu 2016 | **UWIZEYE Solange,** umuyobozi muri RGB |
| 6 | Ikiganiro ku bikorwa by'ingenzi by'Akarere 2017/2018 (District priorities) | **SINDIKUBWABO Edouard**,Umuyobozi w'igenamigambi ku Karere |
| 7 | Ishusho igaragaza imibereho myiza n'umutekano rusange | **UWAMAHORO Prisca**,Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza |
| 8 | Amahirwe aboneka mu Karere ka Kamonyi | **TUYIZERE Thaddee**, Umuyobozi w'Akarere Wungir Ushinzwe Iterambere ry'ubukungu. |
| 9 | Itegeko rigenga imikorere y'inama njyanama | **MUKAYIRANGA Rose**, Perezida wa komisiyo y'imiyoborere myiza |

**IMYANZURO Y'UMWIHERERO W'ABAGIZE INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI WABEREYE MU KARERE KA KAYONZA, KUVA 09-11 WERURWE 2017**

*Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku ngingo zari ziteganyijwe ku murongo w'ibyigwa, abajyanama bitabiriye uyu mwiherero bafashe imyanzuro ndetse byemezwa ko izakurikiranwa ku buryo bukurikira:*

| | | |
|---|---|---|
| **INGINGO YA I: Kugezwaho Ishyirwamubikorwa ry'Imyanzuro y'umwiherero uheruka wabaye kuwa 30 Gicurasi 2016 kugeza 01 Kamena 2016 mu Karere ka Huye.** | | |
| No | **UMWANZURO WAFASHWE** | **UZAKURIKIRANA ISHYIRWA MU BIKORWA** |
| 1. | Hemejwe ko mu nama y'ubutaha y'inama njyanama, komisiyo y'imibereho myiza yazageza kuri Njyanama icyemezo cy'uburyo abarimu bacumbikiwe mu nzu z'abarimu bishyura ariko hakazajya hitabwa ku kureba Umurenge icumbi riherereyemo ndetse hakagenwa uburyo ayo mafranga y'ubukode azajya acungwa kugira ngo hakemurwe ibirebana no gufata neza aya macumbi. | **Komisiyo y'imibereho myiza** |
| 2. | Hememejwe ko mu nama Njyanama itaha hazagaragazwa imiterere n'ingano y'ibibuga by'umupira w'amaguru biri hirya no hino mu Mirenge, kugira ngo harebwe uburyo byakwitabwaho bigakomeza gufasha guteza imbere imikino n'imyidagaduro. | **Komite y'Inama y'igihugu y'urubyiruko ku Karere (CNJ/DISTRICT)** |
| 3. | Hemejwe ko Akarere kandikira Umuyobozi wa KIG bitarenze kuwa 14 Werurwe 2017 bakamusaba gukemura ikibazo cy'abanyamigabane bitarenze amezi 2 iki kibazo kikaba cyafatiwe umwanzuro. | **Komite nyobozi y'Akarere** |
| 4. | Hemejwe ko imyanzuro yose izajya ifatirwa mu mwiherero buri komisiyo igize inama njyanama izajya ikurikirana kandi ikagaragaza uko imyanzuro ibareba yashyizwe mu bikorwa kugira ngo ikurikiranabikorwa rinoze. | **Buri komisiyo igize inama njyanama,Abakozi b'inama njyanama** |
| **INGINGO YA II: Imihigo y'Akarere y'umwaka w'Ingengo y'Imari wa 2016/2017** | | |
| 5. | Hasabwe ko muri "descente" y'amakomisiyo hajya hibandwa mu mihigo yihariye ireba buri komisiyo no mu nama z'amakomisiyo bikibandwaho | **Ba perezida b'amakomisiyo n'abakozi b'inama njyanama.** |

| | | |
|---|---|---|
| 6. | Hemejwe ko abacungamutungo ba SACCO bakora urutonde rw'abambuye ibi bigo by'imari akarere kakabafasha kwishyuza aba bafashe inguzanyo, abananiranye bakajyanwa mu nkiko | **Komite nyobozi y'Akarere, SACCOs** |
| 7. | Hemejwe ko hakurikiranirwa bugufi imirimo ikorwa muri gahunda ya VUP mu nkingi y'ibikorwa by'amaboko (**Public Works**) kugira imirimo ikorwe neza kandi birusheho gutanga umusaruro bifashe koko mu iterambere ry'Akarere. | **Komite nyobozi y'Akarere** |
| **INGINGO YA III: Uruhare rw'abafatanyabikorwa mu iterambere ry'Akarere** | | |
| 8. | Nyuma yo gushima uruhare rw'abafatanyabikorwa mu iterambere ry'Akarere, hemejwe ko umukozi ushinzwe guhuza ibikorwa bya JADF mu Karere yashakirwa ibiro byihariye kugira ngo bimufashe mu mitangire ya serivisi. | **Komite nyobozi y'Akarere** |
| **INGINGO YA IV: Imikorere n'imikoranire y'inzego z'ubuyobozi** | | |
| 9. | Hemejwe ko hakomeza gusigasirwa imikorere n'imikoranire y'inzego hagakumirwa icyo aricyo cyose cyakurura amakimbirane hakimakazwa indangagaciro y'ubufatanye no gusenyera umugozi umwe. | **Komite nyobozi y'Akarere,abajyanama bose, abakozi bose b'Akarere** |
| **INGINGO YA V: ikiganiro kuri "Citizen report card" igaragaza uko imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu 2016 bihagaze mu Karere ka Kamonyi** | | |
| 10. | Hemejwe ko hakwiye gukorwa ubukangurambaga abaturage bagahabwa umwanya wo gutanga ibitekerezo no kugira uruhare mw'igenamigambi ry'Akarere. | **Komite nyobozi y'Akarere,abajyanama bose** |
| 11. | Binyujijwe mu mugoroba w'ababyeyi n'inteko z'abaturage, hemejwe ko abaturage bakomeza gushishikarizwa kurwanya no kwirinda ibiyobyabwenge, amakimbirane mu miryango, amakimbirane ashingiye ku butaka, ubujura ndetse gukubita no gukomeretsa; muri izo nama kandi abaturage bakanakangurirwa kunoza isuku. | **Komite nyobozi y'Akarere,abajyanama bose** |
| **INGINGO YA VI: Ikiganiro ku bikorwa by'ingenzi by'Akarere 2017-2018 (District priorities)** | | |
| 12. | Hemejwe ko ibi bikorwa byazaganirwaho mu makomisiyo agize inama njyanama kugira ngo birusheho gusesengurwa mu buryo bwimbitse | **Ba perezida ba komisiyo, abakozi b'inama njyanama** |

| | | |
|---|---|---|
| **INGINGO VII :Ishusho y'imibereho myiza n'umutekano rusange** | | |
| 13. | Hemejwe ko iki cyegeranyo cy'ishusho rusange y'imibereho myiza n'umutekano rusange cyakomeza kwigirwa mu makomisiyo agize inama njyanama kugira ngo bikomeze gufasha mu gukemura ibibazo bigihari bibangamiye umuturage. | **Ba perezida ba komisiyo, abakozi b'inama njyanama** |
| **INGINGO YA VIII: Amahirwe aboneka mu Karere ka Kamonyi** | | |
| 14. | Hemejwe ko hanozwa inyandiko ikubiyemo amahirwe akarere gafite, hashingiwe ku bitekerezo byatanzwe n'abayanama, hakanatekerezwa gukomeza gushishikariza abashoramari kubyaza umusaruro aya mahirwe aboneka muri Kamonyi | **komite nyobozi y'akarere, ishami ry'igenamigambi ku Karere.** |
| **IBINDI:IBIBAZO BY'IMITURIRE MU KARERE** | | |
| 15. | Hemejwe ko hakomeza gukurikirana imyubakire mu Karere hitabwa ku gukurikiza igishushanyo mbonera cy'imiturire mu rwego rwo guca imyubakire inyuranyije n'amategeko abagize komisiyo y'ubukungu mu nama njyanama bakajya bareba niba ibisabwa mu miturire byubahirizwa. | **Komite nyobozi y'akarere, komisiyo y'ubukungu** |

Umwiherero washojwe saa kumi n'imwe z'umugoroba (17h00"), Umuyobozi w'Inama Njyanama ashimira abawitabiriye bose anabasaba kuzafatanya gushyira mu bikorwa imyanzuro yafatiwemo.

**Umwanditsi**:

**MUKANYANDWI Rose**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama

**Umuyobozi w'inama Njyanama**:

**KARURANGA Emmanuel**
Umuyobozi w'Inama Njyanama